25 JAN 1999

Kigali, ku wa ............
N° .545.../19.00


**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'ITANGAZAMAKURU**
**B.P. 1532 KIGALI**


D. Culture
Synthèse & Avis pour le Procédure
Conv. 1.2.99.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
KIGALI

A traiter par ..................
Date entrée : 29/01/99
N° Classement : 168121

**Impamvu :** Kubohereza inyandiko ikubiyemo ibitekerezo by'ingenzi bimaze kwegeranywa bizashingirwaho mu ivugurura ry'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Itangazamakuru (ORINFOR).

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Nejejwe no kubohereza inyandiko ikubiyemo ibitekerezo by'ingenzi bimaze kwegeranywa bizashingirwaho mu ivugurura ry'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Itangazamakuru (ORINFOR).

Mboneyeho kandi kubasaba ko mwashyira iyi ngingo kuri gahunda y'ibizigwa vuba n'Inama y'Abaminisitiri kugira ngo igire uburyo yemeza, bityo bigatuma imirimo y'ivugurura nyakuri itangira.

Mugire amahoro.

Minisitiri w'Itangazamakuru
Yohani Nepomuseni NAYINZIRA

République Rwandaise – Ministère de l'Information

**Bimenyeshejwe**:
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo.
- Madamu, Bwana Minisitiri (Bose). MIJESCAFOP
- Bwana Sekereteri wa Leta (Bose).

**KIGALI.**

Kigali, kuwa 27/1/1999
N° 0866/12.01

REPUBLIQUE RWANDAISE
OFFICE RWANDAIS D'INFORMATION
**B.P.83 KIGALI**

D. Culture
Votre avis : Idées pas claires
(Came)
1.2.99.

Nyakubahwa Minisitiri
w'Itangazamakuru,
KIGALI

A traiter par
Date entrée : 29/01/99
N° Classement : 153/21

**Impamvu : Ibitekerezo byunganira ibyanyu mwoherereje Minisitiri w'Intebe ku ivugururwa ry'Ikigo, ORINFOR.**

Nyakubahwa Minisitiri,

Inyandiko yanyu kw'Ivugururwa ry'Ikigo, ORINFOR nayibonye. Ibitekerezo byinshi turabihuje kuri iryo vugururwa uretse ingingo ebyiri zerekeranye na Serivisi DÉCOR (iyi Serivisi itara amakuru muri Perefegitura) ni Ibiro ntara-makuru.

(1) Ntabwo ndora inyungu yo kwaka Radio ( ndetse no mugihe kizaza T.V.R.) iriya correspondence yo mu maperefegitura igahabwa ibiro ntara-makuru ishingwa ryabyo rizasaba Leta amafaranga menshi kugirango rikore neza, kandi n'ubu idafite amafaranga yo gufasha Radio na DÉCOR ku buryo buhagije.

Icyakabiri n'uko Radio imaze kumenyera gukorana n'abanyamakuru bo mu maperefegitura ku buryo itangiye kugura ayo makuru izaba ifite na "option" yo kutayagura ikaba itakurikirana neza amakuru yo mu maperefegitura kandi tuzi neza akamaro ka Radio muri iki gihugu.

(2) Muri iki gihe ibiro ntara-makuru bikora neza iyo biri mu maboko y'abikorera ku giti cyabo. Nkaba numva Leta nta mpamvu yasubira muri iyo mirimo cyane ifite Minisiteri y'Itangazamakuru n'Ikigo, ORINFOR.

Ahubwo Leta yari ikwiye gufungura Serivisi, yaba ari muri Minisiteri cyangwa muri Perezidansi byahabwa Website yabashobojesha kujya bahunikamo amakuru yose ku Rwanda mu buryo busobanuye neza ku buryo ushaka ayo makuru wese yaba mu gihugu imbere, yaba hanze y'u Rwanda bakagira aho bayavoma. Iyo Website yakwamamazwa cyane hanze y'u Rwanda ikamenyekana. Ibi byafasha mu gutunganya "image" y'u Rwanda no gusubiza ibibazo abanyamahanga baba bibaza ku Rwanda kurusha "Agence de Presse" ikora bwa "dispatch" butoya buri munsi.

Ibi nibyo numva navuga ku bitekerezo mwoherereje inama y'abaminisitiri.

Mbaye mbashimiye, Nyakubahwa Minisitiri, uko muri bwakire ibi bitekerezo.

Mugire amahoro.

27/01/99

**Umuyobozi wa ORINFOR,**
**Major Wilson RUTAYISIRE**